AMASEZERANO YA NBCEs ZIKORANA NA ARCOS YA BUGESERA

Bugesera, ku wa 29 Nzeli 2017

Twebwe abahagarariye koperative 30 ziteza imbere zinabungabunga ibidukikije (NBCEs) zikorera mu Burundi, mu Rwanda no mu Bugande twahuriye i Nyamata, mu karere ka Bugesera mu Rwanda muri gahunda y'Urugendo Nyunguranabumenyi rwa za NBCEs zikorana na ARCOS rwatangiye kuwa 27 kugeza kuwa 29 Nzeli 2017, dushingiye kandi ko Uburyo bwa **BEST** (**B**: Kubaka amakoperative arambye no kunoza ubuyobozi bwayo; **E**: Kubungabunga ibidukikije; **S**: Ubucuruzi burambye; and **T**: Gukwiza impinduka no kubera abandi urugero rwiza) butanga inyobora mu gushaka ibisubizo birambye ku mibereho myiza y'abaturage n'ubusugire bw'ibidukikije, twiyemeje:

B: Kubaka amakoperative arambye no kunoza ubuyobozi bwayo

1. Kwandikisha amakoperative yacu ku rwego rw'igihugu
2. Kubaka NBCEs zifite intego n'uburyo bw'igenzura abanyamuryango bisanga mo kandi bakabigira ibyabo
3. Kubaka ubushobozi bwa NBCEs bufasha abanyamuryango kugira uruhare rufatika mu iterambere ryazo
4. Gushyigikira uburinganire n'urubyiruko mu banyamuryango no mu buyobozi bwa NBCEs

E: Kubungabunga ibidukikije

1. Gukora ubukangurambaga mu kubungabunga ibidukikije mu banyamuryango ba NBCEs n'aho zikora
2. Gushyira mu bikorwa no kumenyekanisha uburyo bucirirtse bwo gufata amazi y'imvura mu ngo z'abanyamuryango
3. Guteza imbere ikoreshwa ry'ingufu zitangiza ibidukikije (biyogazi, ingufu zikomoka ku mirasiire y'izuba na rondereza) mu banyamuryango ba NBCEs n'aho zikorera kugirango ibidukikije bibungabungwe kurushaho
4. Guteza imbere gahunda zo gufata neza ubutaka zirimo gutera ibiti by'amoko atandukanye, kubungabunga amazi no kurwanya isuri.

S: Ubucuruzi burambye

1. Kugira ikusanyirizo aho za NBCEs zikorera mu rwego rwo kumenyekenisha no gushakira isoko ibyo zikora
2. Kugira ibicuruzwa n'umusaruro bifite ubwiza kandi tukabigeraho dusigasira ibidukikije
3. Gushyira ingufu mu kongerera agaciro umusaruro wa NBCEs zikubaka imikorere ihamye n'inyungu ikiyongera
4. Gushyiraho gahunda nyazo z'ibaruramari no gukorera mu mucyo mu bikorwa byose bya NBCEs
5. Gushyiraho uburyo bwo kwizigama, kugurizanya no gukorana n'ibigo by'imari kugirango ubucuruzi bwa NBCEs butere imbere

T: Gukwiza impinduka no kubera abandi urugero rwiza

1. Gushyiraho udusozi shuli mu kubungabunga ibidukikije no kuzamura imibereho y'abaturage
2. Gushyigikira ingendo nyunguranabumenyi zifasha NBCEs gusangizanya amakuru n'ubumenyi mu buryo bwagutse
3. Gukora ubuvugizi bugamije ishyirwaho ry'ikigega cyo guteza imbere ibikorwa birambye (NBCF) aho NBCEs zikorera
4. Guteza imbere ubumenyi bushingiye ku muco n'ibinyabuzima mu byerekeye ubutaka, imbuto n'ubuhinzi burambye
5. Gukora ubukangurambaga mu bikorwa by'umuco no kubungabunga ibidukikije hashyirwaho ihuriro abaturage basangiriramo ubwo bumenyi
6. Guteza imbere ihanahana-makuru n'isangiza-bumenyi aho NBCEs zikorera no hanze yaho

1	Adeline NYIRAMAJYAMBERE, KAKIKA		16	Jane KAMPIRE, KANABA COMMUNITY ASSOCIATION	
2	Anastase NZAHUMUNYURWA, KOPAKIKA GITESI		17	Jean BARANGENZA, TUBEHO NK'ABANDI	
3	Alexis AYIRWANDA, MUTUBEHAFI		18	Jean de Dieu DUSENGE, KOAAMI	
4	Augustin SEMUSAMBI, KOIMIZANYA		19	Jean Pierre MPAGAZEHE, COMUFLEKI	
5	Beatrice KABIHOGO, UPLIFT THE RURAL POOR (URP)		20	Jeanne d'Arc MUGOREWISHYAKA, ABATERANINKUNGA BA SHOLI	
6	Cassim GIBUSIWA, SIRONKO VALLEY PROJECT		21	Joseph NIZEYE, JIJUKA	
7	Christine MUKANDINDA, JYAMBERE MUNYARWANDA		22	Marcel SEKAMANA, KOSUMU	
8	Consesa NYIRAMAFARANGA, COTEREM		23	Marie NDUWIMANA, DUKINGIRIKIBIRA	
9	Cyriac NDIKUBWIMANA, KOAKAKI		24	Reverien NSANZURUVUGO, KABAMU	
10	Donath MBITONDEHO, COABA		25	Samuel WAKINYA, BUSHIKA INTEGRATED CE Ltd	
11	Emmanuel HARERIMANA, MUHISIMBI		26	Sylver NZABAGOROZIKI, ABIZERANA	
12	Ephraim KAMARAMPAKA, PNPT COOPEERATIVE		27	Sylvestre HAKIZAMUNGU, KOAUKI	
13	Eric RURANGIRWA, CITMK		28	Theogene NSENGIYUMVA, KABONYA	
14	François HARERIMANA, TWIGIRE MUHINZI RUSEBEYA		29	WAYIYA MUZAMIRU, BUDWALE COMMUNITY DA	
15	Geofrey KAMBEKWINE MUGARURA, KIZIBA SEEDBANK CS		30	Willy SABIKA, KEFA	

Ihuriro Nyunguranabumenyi rya NBCEs 2017 ryateguwe na ARCOS Network ifatanyije na NBCEs, FONERWA, New Field Foundation, Swiss Agency for Development and Cooperation na World Resources Institute

Dr Sam KANYAMIBWA
Executive Director
ARCOS Network